Impamvu: Gusaba kubikoramo amakuru

ITANGAZO : KUGAYA IMITWARIRE YA L'ONU NA BAGENZI BAYO

Mu rwego rw'uko abakoze genocide mu Rwanda baba abahutu cyangwa abatutsi bagomba guhanwa, uhagarariye ishyirahamwe «Comitê International pour les victimes de la haine Ethnique Massacres et Génocide» hamwe na TUBEHO ASBL, Bwana Rutayisire Boniface akaba n'umwe abavuka mukarere k'iburasirazuba k'u Rwanda baherutse gushinga guhagararira aba victimes bo muri utwo turere bazize genocide, ejo tariki ya 22/06/2005, mu ijambo ryakanguye cyane abari aho, yatangarije munama n'abanyamakuru i Bruxelles, ko bigaragara neza ko umuryango w'ababibumbye I'ONU n'abo bafatanya bashyigikiye kandi bagikomeza gushyigikira abicanyi b'abatutsi bakoze genocide yahitanye abahutu cyane cyane muturere tw'iburasirazuba tw'u Rwanda (Byumba, Umutara, Kibungo na Bugesera) kuburyo iyo migirire ariyo yamaze abanyarwanda kandi idafasha abanyarwanda mu bihe bizaza. Kugeza ubu nta mututsi urahanirwa abahutu yishe kubera gukingirwa ikibaba na I'ONU hamwe ibihugu n'indi miryango n'amashyirahamwe bifatanya mu gusa n'ibigamije kugirira nabi abaturage b'ibiyaga bigari no kubamaraho. Ibyo bikaba ari ubugizi bwa nabi kuko iyo ukunda abantu urabahana kugirango babeho ntawe ubangamiwe n'ubwicanyi. Ubucamanza bugomba kuba ubwa bose. Genocide yakorewe abahutu muri turiya turere twa Byumba, Umutara, Kibungo na Bugesera uwashaka yahirebera akamenya iby'aho neza na ben'ubwite biciwe bahari.

Bimwe mubyahabereye wabisoma aha (ibikubiyemo si byose ni ukwerekana intangiro y'uko byagenze mukarere kose: Fungura kuri ijambo rikurikira: <http://www.topstarmagazine.com/victimeskiyen.htm.

Muri iyo nama Bwana Rutayisire Boniface yaboneyeho kugaya by'umwihariko itangazamakuru mpuzamahanga n'iryo mubiyaga bigari kubijyanye no kurengera ubuzima bw'abantu kuko hashize imyaka icumi abaturage b'abahutu mu Rwanda biciwe n'abatutsi bataka cyane bitandikwa kandi abataka berekana i bibabaho, iyo migirire ukaba utayitandukanya no gushyigikira ubwicanyi kimwe n'urimo kubukora (Icyo kizahore kigawa itangazamakuru ritakoze akazi karyo buri gihe cyose bazajya bibuka inzirakarengane zishwe).

Ayo magambo Bwana Rutayire Boniface yayatangaje igihe yari afashe ijambo mukiganiro n'abanyamakuru mpuzamahanga uhagarariye I'ONU mubiyaga bigari Bwana IBRAHIMA FALL yari arimo gutanga (hagati munama mpuzamahanga) yari yateguwe na Institut Panos de Paris na Grip muri Hotel METROPOLE mu Bubirigi. Inama yari yatumiwemo imiryango myinshi mpuzamahanga, abanyamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru mpuzamahanga, na Comitê International pour les Victimes de la Haine Ethnique, Massacres et Génocide yari yatumiwemo.

Ikigomba kuzirikanwa

Guhana abagize nabi bose bizafasha abanyarwanda kwirinda amakosa yabaye i Burundi y'uko abatutsi baho banze guhana ibyaha byabaye mu myaka ya kera bikaba byarabaye ngombwa ko bagiye kubihana ubu. Mumyubakire y'u Rwanda bigomba kumvikana ko igihe uwagize nabi adahanwe yaba umuhutu cyangwa umututsi bidahesha amahoro na make mwene wabo w'undi yaba umuhutu cyangwa umututsi kandi buri wese yarabyiboneye. Kubaka u Rwanda rwiza ni uguhana ibibi byabayeho byose utarebye ubwoko kandi ukabihana mu izina ryabyo bwite rya genocide y'abatutsi na genocide y'abahutu muturere tw'iburasirazuba rw'u Rwanda. Kutabikora gutyo cyangwa ukabikora ubipfobya ni ukwibeshya kuko byose bizagira igihe cyo kwigwa neza kandi bikagaragara ko koko habaye génocide yakorewe abahutu muturere twa Byumba, Umutara, Kibungo na Bugesera. Mu makuru ava hirya no hino ngo kubera ubwicanyi bwabaye kubahutu n'abatutsi muri 1994 niyo mpamvu I'ONU yari yatangaje ko habaye "GENOCIDE RWANDAIS" noneho abanyarwanda b'inkorokoro mu guhindura ibintu babyiharira hamwe n'inshuti zabo babohoza iryo jambo "génocide rwandais" ryanditse mu kemezo I'onu yatangaje babihinduramo "génocide tutsi" muri iyi minsi ya vuba bashaka kwirengagiza "génocide hutu" kandi bidashoboka kuko yabaye cyane cyane muturere twa Byumba, Umutara, Kibungo na Bugesera kandi muri ibyo bihe bya 1994 abahutu bariho bicwa n'abatutsi bazira ubwoko bwabo muri utwo turere.

Bruxelles, le 23/06/2005 RUTAYISIRE Boniface Administrateur du Comité International pour les Victimes de la Haine Ethnique, Massacres et Génocide

Tel : 00 -32 - 472 26 70 71 compte bancaire N° 000-3184659-52
BELGIQUE e-mail : infotubeho@yahoo.fr

C/O UNIVERSITE LIBRE DE BRUXELLES